
# KABUTO

## Amashuri y'inshuke



NDAHAYO Ferdinand

Perdua Publishers

# KABUTO

## Amashuri y'inshuke



Cyanditswe na:
NDAHAYO Ferdinand

Cyashushanyijwe na:
BYIRINGIRO Bahizi Max

Perdua Publishers
PO Box 3405 Kigali
Email: info@perduap.com
Website: www.perduap.com

© Perdua Publishers 2021

Cyatangajwe bwa mbere mu mwaka wa 2021

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.



Umunsi umwe, Dede yariye pome, maze
asangamo akabuto keza. Dede aratangara.



Maze arakabaza ati: “Witwa nde?”
Akabuto kati: “Nitwa Kabuto.” Dede ati:
“Wanyemereye tukibera inshuti?”



Kabuto ati: “Nta kibazo, ndabyemeye.”
Kabuto asaba Dede kumushyira mu gitaka.



Umunsi wa mbere, Dede aza gusura Kabuto. Aramuhamagara ati: “Kabutooo!” Kabuto aricecekera kuko yari asinziriye.



Umunsi wa kabiri, Dede agaruka kumusura, nanone aramuhamagara ati: “Kabutooo!” Kabuto araceceka kuko yari agisinziriye.



Umunsi wa gatatu, Dede aragaruka. Maze ataburura Kabuto ngo amubaze impamvu atamwitaba.



Kabuto aramubwira ati: “Ntiwongere kumpamagara. Nsubiza mu gitaka, ahubwo buri munsi uge unzanira amazi.”



Dede asubiza Kabuto mu gitaka. Guhera ubwo akajya azana amazi akuhira aho yamushyize. Ku munsi wa kane Kabuto amera umuzi.



Ku munsi wa gatanu, Kabuto atangira guhinguka hejuru y'ubutaka, yarahindutse urugemwe rwiza.



Ku munsi wa gatandatu, rwa rugemwe ruzana utubabi tubiri.



Ku munsi wa karindwi n'uwa munani, Kabuto yari amaze kuvamo urugemwe rwiza kandi rutoshye.



Dede amubonye aratangara maze arishima.





Kabuto yaje kuvamo igiti kinini cyane. Dede akajya aza kugama izuba munsi yacyo.



Hashize iminsi, cya giti cyaje kwera izindi mbuto nyinshi. Dede arazirya arishima. Utubuto tuvuyemo yiyemeza na two kudutera tukazeraho izindi mbuto.

*Inkuru za Perdua Publishers zigenewe gukundisha abana gusoma Ikinyarwanda. Bashobora kuzisomera cyangwa se kuzisomerwa n'ababyeyi, n'abarezi igihe bataramenya gusoma ubwabo.*











**Perdua Publishers**

Cyatunganijwe kinacapwa na Perdua Publishers
P.O. Box 3405 Kigali, Rwanda